



Our Ref: 1955/RRA/CG/TPS/2023
Your Ref:

Date 21 DEC 2023

ITANGAZO

Kumenyekanisha Avansi ya Gatatu y'Umusoro ku Nyungu wa 2023

Bitewe n'uko mu kumenyekanisha cyangwa kwishyura Avansi ya gatatu y'umusoro ku nyungu z'umwaka wa 2023, abasora bashobora gukenera serivisi zitangwa na RRA n'amabanki imbonankubone; Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) **kirabamenyesha ko ku biro bya RRA byose mu gihugu hashyizwe itsinda ry'abakozi bo kubafasha kumenyekanisha uwo musoro**. Ni muri urwo rwego, RRA ikangurira abasora bose **kumenyekanisha no kwishyura avansi ya 3 y'Umusoro ku Nyungu bitarenze tariki ya 29/12/2023**.

Avansi ya gatatu y'umusoro ku nyungu zabonetse mu 2023 ijyanye n'ibyacurujwe mu mezi ya Nyakanga, Kanama na Nzeri 2023, ikazamenyekanishwa hashingiwe ku gipimo giteganywa n'itegeko N° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro.

Kumenyekanisha uyu musoro bikorwa unyuze ku rubuga www.rra.gov.rw, cyangwa kuri telefone ngendanwa ukanze *800# ku basora mu buryo bukomatanyije. Mu kwishyura, mwakoresha uburyo bw'ikoranabuhanga nka Mobile Money, Internet Banking, Mobile Banking, MobiCash cyangwa mukagana banki ibegereye.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara nimero yacu itishyurwa 3004.

ANNOUNCEMENT

Declaration of Third Income Tax Quarterly Prepayment for the year 2023

In consideration of taxpayers who may need in-person assistance from RRA and banks to declare or pay their 3rd Income Tax Quarterly Prepayment for the year 2023;

Rwanda Revenue Authority informs all taxpayers that **dedicated support teams have been deployed in all RRA offices countrywide to facilitate the declaration** of the said tax. Therefore, RRA encourages **all taxpayers to declare and pay their 3rd income tax quarterly prepayment not later than 29/12/2023**.

This 3rd Income Tax Quarterly Prepayment is calculated based on the turnover recorded in July, August, and September 2023 and shall be declared according to the rate provided by Law No. 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income.

To declare this tax, visit our website at www.rra.gov.rw or use your mobile telephone by dialing *800# for taxpayers registered under the flat regime. Payment can be made electronically using Mobile Money, Mobile Banking, Internet Banking, MobiCash, or by visiting the nearest bank.

For more information, please call our toll-free number 3004.


BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal
Commissioner General

